Rwanda: Hatangijwe Ukwezi kwahariwe Amateka y’Ubutwari

January 6, 2024

Ubuyobozi bw’ikigo gishinzwe intwari z’igihugu, imidari n’impeta by’ishimwe buvuga ko bugiye kumara hafi ukwezi kose butanga ibiganiro ku mateka y’ubutwari no kwigisha indangagaciro z’Abanyarwanda.

Ni umu gihe ku itariki ya 1 Gashyantare u Rwanda ruzizihiza ku nshuro ya 30 umunsi wahariwe intwari z’igihugu.

Umunyamabanga nshingwabikorwa wa CHENO, Nkusi Deo avuga ko izi nyigisho zigomba guhoraho kugira ngo Abanyarwanda mu nzego zose bamenye ibirebana n’ubutwari n’ubwo batabishimirwa ku rwego rw’igihugu.

Ibi biganiro bizatangwa imbere mu gihugu no hanze yacyo biciye muri za ambasade z’u Rwanda ziri hirya no hino ku isi.

Ubuyobozi bwa CHENO busobanura ko urubyiruko ruri mu bazibandwaho kuko ari rwo ruzubakirwaho ibikorwa by’ubutwara mu bihe biri imbere.

Intwari zirimo ibyiciro 3 ari byo Imena, Imanzi n’Ingenzi hakiyongera n’icyiciro cy’abantu banyuranye bashobora guhamba impeta n’amashimwe bitewe n’ibikorwa by’indashyikirwa bakoze kandi ku nyungu za benshi.

IN MEMORIAM
MAJOR GENERAL
Gisa Fred RWIGEMA
1957-1990
SYMBOL OF PATRIOTISM
UMURAGE WADUSIGIYE
NI
URUMURI RUTAZIMA